atawaza imbere yabo nk'uko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabigenje

Hadith yaturutse kwa Yahya Ibun Umarat Al Maziniy yaravuze ati: Nabonye Amri Ibun Abi Hassan abaza Abdullah Ibun Zaydi ku bijyanye n'uburyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yatawaje, nuko ahamagaza agakoresho karimo amazi, atawaza imbere yabo nk'uko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabigenje, maze akaraba ibiganza bye gatatu, arangije yinjiza intoki ze muri ka gakoresho ajuguta amazi, arangije arayashoreza, arangije arayapfuna, inshuro eshatu, nuko yinjiza intoki ze muri ka gakoresho akaraba mu buranga bwe gatatu, arangije akaraba amaboko ye agarukiriza mu nkokora inshuro ebyiri, nyuma yinjiza intoki ze muri ka gakoresho ahanagura mu mutwe we n'ibiganza bye abizana imbere n'inyuma inshuro imwe, nyuma arangije akaraba ibirenge bye agarukira ku tubombankore.

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Abdullah Ibun Zayd (Imana imwishimire) yagaragaje uburyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga itawaza abishyira mu ngiro; Maze atumaho agakoresho karimo amazi. Atangira gutawaza abanje gukaraba intoki ze, arangije ahengeka ka gakoresho azikarabira hasi inshuro eshatu; Arangije yinjiza intoki ze muri ka gakoresho ajuguta amazi, na buri uko ayajuguta yarayashorezaga akayapfuna, Arongera afata andi mazi akaraba mu maso he gatatu, Arangije afata andi mazi akaraba amaboko ye inshuro ebyiri ebyiri agarukiriza mu nkokora; Nyuma yinjiza intoki ze muri ka gakoresho ahanaguza ibiganza bye mu mutwe ahereye imbere ajya inyuma kugeza mu irugu, arangije arabigarura kugeza abigejeje aho yabihereye mbere. Arangije akaraba ibirenge bye ageza ku tubombankore.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/3444